



Ugushyingo 2022 *ikinyarwanda*
Dore ingoro y’Imana mu bantu! Izabana na bo.
Bazaba abantu bayo, Imana na yo ibane na bo
(Hish. 21,3)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Bitangirira mu tuntu duto!
It starts very small!

Nshuti bakunzi ba go4peace!

Igihe abaturage b’abayahudi bavaga aho bari barajyanywe bunyago i Babiloni berekeza mu gihugu cyabo cya Israheli, batangiye imirimo yo kongera kubaka mu buryo bworoheje ingoro yabo yari yarashyirahwe. Herode mukuru ni we waje hanyuma kuyubaka mu buryo nyabwo bubereye ijisho. Ku bayahudi, ingoro yari ahantu h’Imana. Imana y’abakurambere babo, Uhoraho wabonekeye Musa mu gihuru kigurumana, yari atuye inyuma y’umubambiko w’ahera mu ngora. Na Yezu ubwe yarazamukaga kenshi akajya kuhasengera. Gusa buhoro buhoro iyi ngora yari yubutse by’agatangaza, ifite ubwiza buhebuje, yagiye ita igisobanuro cyayo cya nyacyo. Ubwo Yezu yaganiraga n’umugore wo kuri Samariya hafi y’iriba rya Yakobo, uwo mugore akaba yari akomeye ku mateka y’abasekuruza be ko abantu bagomba gusengera Imana ku musozi wa Garizimu, yaramubwiye ati: „igihe kirageze, ndetse ngiki cyageze, maze abasenga by’ukuri bakazasengana Imana Data umutima utaryarya, bayobowe na roho (reba Yoh 4,23). Muri ubwo buryo Yezu yasobanuriye abigishwa be batangazwaga gusa n’ubuhangange bw’inyubako y’ingoro, ko Imana ishaka kuba hafi y’abantu bayo, nk’uko umubyeyi abigenzereza abana be.

Imana , Se wa Yezu ifitiye inyota abana bayo. Ishaka kubana na bo uyu muni. Ku ndunduro y’ibihe, nk’uko Yohani Intumwa abisobanura mu gitabo cy’ibyahishuwe, Imana izatura hagati mu muryango wayo, muri Yeruzalemu yo mu ijuru. Azabana na bo. Aha hantu hazaba ari heza cyane, nk’umugeni wabukereye asanganira umugabo we!“ (Hish 21,2) Ariko kandi ubu bwiza n’ubusabane bizaba biri mu ijuru, bitamuruye none. Imana ishaka nonaha kubana nawe ndetse hamwe n’abawe! Ishaka kuba hagati muri mwe!

Tomáš aradutekerereza: „Nk’uko imbaga y’Abayahudi biyumvaga mu myaka ya za 70 ubwo ingoro yabo yasenywaga, nanjye ni ko numvaga meze. Mu gihe gito numvaga byose bindemereye, nabuze amerekezo. Ubwo rero ni ho Sekibi, ruvayanga, yariho akora umurimo we. Nari nsigaye mbayeho muri aka kanya gusa. Igihe cyose niberegaho nkora icyari kigezweho muri icyo saha gusa. Namaze igihe kinini nibera muri uwo mwijima. Iyo nabonaga umwanya ntafite icyo nkora, muri njye hazagamo ikibazo kigira kiti: ubu se noneho urakora iki? Muri icyo gihe hanjemo igitekerezo cyo kwegera Umupadiri. Ako kanya naramuhamagaye dusezerana guhura tugasangira ibyo kurya bya saa sita. Guhura na we byabereye byiza cyane, binkora ku mutima. Dusezeranaho numvise umutima wanjye wongeye kugira ibyishimo. Yezu wari hagati yacu yarabikoze. Kari akanya gato ariko kabaye imbarutso yo kunkingurira ijuru: **Bitangirira mu tuntu duto! It starts very small!**“

Ku bw’itsinda go4peaceTeam

Meinolf Wacker